

## ITANGAZO RIGENEWE BA MUKERARUGENDO N'ABAKORA MU BUKERARUGENDO MU RWEGO RWO KURWANYA COVID-19

Nkuko mubizi ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ku isi (OMS) ryatangaje ko COVID-19 ari icyorezo k'isi yose.

Mu rwego rwo guhangana n'icyo cyorezo, Leta y'u Rwanda yashyizeho itsinda rigizwe n'inzego zitandukanye rikaba riyobowe n'Iburo bya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, ize nzeze ni Minisitiri y'Ubuzima, Minisitiri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'inzego z'umutekano, rishinzwe kurwanya no guhagarika ikwirakwira rya Koronavirusi mu Rwanda. Hafashwe ingamba zo kurwanya icyo cyorezo ku mipaka no ku bibuga by'indege harimo gupima abantu hakoreshejwe ikoranabuhanga bipima abinjira, ndetse hari n'abakozi ba Minisitiri y'Ubuzima babaza abinjira mu Rwanda ibijyanye n'ingendo bakoze aho baturutse.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iterambere (RDB) kiramenyesha bamukerarugendo basura u Rwanda bose n'abakora mu rwego rw'ubukerarugendo ko mu Rwanda hari icyorezo cya Koronavirusi. Serivisi z'ubukerarugendo zose zarahagaze.

RDB izi ko urebye uko iki cyorezo gihagaze ku isi, abari bateganyije gusura u Rwanda basubitse gahunda yabo. Ni muri urwo rwego amabwiriza ajyanye no gusubika/guhagarika ingendo yasubiweho ku buryo bukurikira:

- Guhagarika urugende byari biteganyijwe gukorwa mu minsi 7 mbere yo gusura ibyiza nyaburanga, kuri ba mukerarugendo bifuzaga gusubika gahunda yo gusura pariki ( agomba kugaragaza inyandiko zitangwa n'inzego zibifitiye ububasha no kuba yemeza ko azaboneka)
- Gukuraho ibyasabwaga ba mukerarugendo nko kuba barishyuye amafaranga y'icyangombwa cyo kuza mu bukerarugendo mu minsi 30 mbere y'itariki y'isura ( agomba kugaragaza inyandiko zitangwa n'inzego zibifitiye ububasha no kuba yemeza ko azaboneka)
- Ba mukerarugendo bifuzaga gusubika icyangombwa cy'uruhusa rw'isura bitewe no kuba indege yarikumuzana yahagaritse ingendo bitewe n'ibyemezo byo guhagarika ingendo cyangwa bitewe na Koronavirusi bemerewe igihe cy'imyaka ibiri kugira ngo bimurire ku itariki bashakira kugira ngo bongere bateganyie ikindi gihe nta yandi mafaranga basabwe kwishyura ( bagomba kugaragaza inyandiko zitangwa n'inzego zibifitiye ububasha no kuba yemeza ko azaboneka)
- Abakerarugendo baguze ibyangombwa mu gihe cy'igabanyizirwa ry'ikiguzi cyo gusura ingagi, bemerewe kwimurira ikindi gihe isura ryabo no kuba basubukura isura mu gihe cy'imyaka 2 ( agomba kugaragaza inyandiko zitangwa n'inzego zibifitiye ububasha no kuba yemeza ko azaboneka)
- Abagenzi bagombaga kwitabira ibikorwa by'inama bakaba baranishyuye bagabanyirijwe igiciro cyo gusura ingagi bemerewe kwimurira ikindi gihe isura ryabo no kuba basubukura isura mu gihe cy'imyaka 2 ( agomba kugaragaza inyandiko zitangwa n'inzego zibifitiye ububasha no kuba yemeza ko azaboneka).

Ibikubiye muri iri tangazo, niba nta bindi byemezo bifashwe, bifite agaciro mu gihe cy'amezi 6 uhereye igihe rishyirirweho umukono. Gusura za pariki n'ahandi hantu nyaburanga hashingiwe kuri iri sura bizakorwa igihe kimwe mu myaka ibiri iri imbere uhereye igihe iri tangazo rishyirirweho umukono.

RDB yifatanyije n'isi yose mu rugamba rwo kurwanya icyorezo cya COVID-19 cyugarije u Rwanda n'isi yose.

Bishyizweho umukono na

Clare Akamanzi

Umuyobozi mukuru

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Iterambere (RDB)